No 241 April2022

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## MU IHURIRO HABAYE IHEREREKANYABUBASHA HAGATI Y'ABAVUGIZI BASHYA N'ABASOJE MANDA

*Ku wa kabiri tariki ya 05 Mata 2022, ku Cyicaro cy'Ihuriro habaye umuhango w'ihererekanyabubasha hagati y'abagize Biro y'Ihuriro isoje manda n'abagize Biro nshya batowe n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 31 Werurwe 2022. Muri uyu muhango hari kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste n'abandi bakozi b'Ihuriro.*



Uyu muhango w'ihererekanyabubasha wakozwe hagati y'Abagize Biro isoje manda ari bo Hon. HARERIMANA Fatou wo mu Mutwe wa Politiki PDI na Hon. UWIMANIMPAYE Jeanne d'Arc, wo mu Mutwe wa politiki RPF Inkotanyi; n'abagize Biro nshya ari bo Senateri UMUHIRE Adrie, uturuka mu Mutwe wa Politiki PL na Bwana NKUBANA Alphonse, uturuka mu Mutwe wa Politiki PSP.

Umuvugizi usoje manda, yashyikirije Biro Nshya raporo y'ibikorwa byakozwe n'Ihuriro mu gihe cya manda yabo yatangiye tariki ya 23/9/2021 ikageza tariki ya 31/03/2022.Nyuma yo gushyirwaho umukono, iyi raporo hamwe n'izindi nyandiko zigenga imikorere y'Ihuriro byakiriwe n' Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije bashya.

Mu ijambo rye, Umuvugizi usoje manda, Hon. HARERIMANA Fatou yashimye Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije bashya kuba baremeye inshingano bashinzwe n'Inama Rusange, abasaba gukorera Ihuriro batizigamye kugira ngo rigere ku ntego zaryo.

Yakomeje yerekana ko muri iki gihe cya manda ya Biro isoje manda, Ihuriro ryageze kuri byinshi, n'ubwo hari bimwe mu bikorwa bitakozwe nk'uko byari biteganyijwe kubera icyorezo cya Covid – 19, ndetse n'amikoro adahagije.

Biro isoje manda yasabye Biro nshya yatowe kwita cyane cyane ku gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa by'ubuvugizi bijyanye no kongera imari n'umutungo by'Ihuriro; gukomeza kwita ku iterambere ry'Ihuriro harimo no kuribonera aho rikorera ridakodesha; n'ibindi bazasanga muri raporo bashyikirijwe.

Mu ijambo rye, Umuvugizi w'Ihuriro Senateri UMUHIRE Adrie yashimye abagize Biro isoje manda ku bikorwa byinshi byakozwe bifasha Ihuriro kuzuza neza inshingano zaryo, yizeza ko abagize Biro nshya nabo bazitanga bagakorana umuhate n'umurava ku bikorwa byose by'Ihuriro kugira ngo Ihuriro rikomeze kwesa imihigo, ku bufatanye bw'Inzego zose z'Ihuriro.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa Bwana GISAGARA Theoneste, yashimye imikoranire myiza yaranze Biro isoje manda, yizeza abagize Biro nshya ko abakozi b'Ihuriro biteguye gukorana neza nabo mu nyungu rusange z'Ihuriro hagamijwe kugera ku nshingano zaryo.



## MU KWIBUKA ABANYAPOLITIKI BISHWE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BASHYINGUYE MU RWIBUTSO RWA REBERO, HASABWE KO HASHAKISHWA AMAZINA Y'ABANDI BANYAPOLITIKI BASHYINGUYE HIRYA NO HINO, HAKAJYA HIBUKWA UBUTWARI BWABO

Tariki 13 Mata ni umunsi hasozwa icyumweru cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, umunsi uhuzwa no kwibuka abanyapolitiki bishwe muri Jenoside bazira kurwanya ingengabitekerezo y'amacakubiri n'urwango yaganishaga kuri Jenoside, uyu muhango ukaba ubera ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ruri mu Karere ka Kicukiro, aho ku wa gatatu tariki ya 13.04.2022 hasojwe icyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe abatutsi, umuhango wabereye ku Rwibutso rwa Rebero, ahashyinguye imibiri y'abatutsi irenga ibihumbi cumi na bine (14.000) bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, hanashyinguye kandi bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside bagera kuri 12.

Muri abo banyapolitiki harimo, Landouard Ndasingwa (PL), Charles Kayiranga (PL), Jean de la Croix Rutaremara (PL), Augustin Rwayitare (PL), Aloys Niyoyita (PL), Venantie Kabageni (PL), Andre Kameya (PL), Frederic Nzamurambaho (PSD), Felicien Ngango (PSD), Jean Baptiste Mushimiyimana (PSD), Faustin Rucogoza (MDR) na Joseph Kavaruganda wari Perezida w'Urukiko Rushinzwe kurinda Itegeko Nshinga.Kwibuka no kunamira abo banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 biba bigamije kuzirikana ubutwari bwa bamwe mu banyapolitiki bitandukanyije n'ikibi, bakarwanya akarengane n'amacakubiri, kugeza ubwo bazize ibitekerezo byabo (byari bigamije ukuri no guhesha agaciro buri Munyarwanda aho ava akagera); biba kandi bigamije kwiyemeza kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi mu Rwanda n'ahandi hose ku isi. Uyu muhango uba ugamije na none gushima no kurata ubutwari bw'abarwanyije bakanahagarika Jenoside; gushyigikira demokarasi no guharanira uburenganzira bwa muntu; ndetse no kongera kwiyemeza ubutwari no kudatinya kurwanya ikibi.

Insanganyamatsiko y'Urwibutso rwa Rebero igira iti: «***Duharanire imiyoborere myiza***» byerekana intego Imitwe ya Politiki yihaye yo guharanira no gushyira imbere iteka inyungu z'abaturage n'iterambere ry'Igihugu; guharanira ko u Rwanda rwaba Igihugu kigendera ku mategeko no kubahiriza uburenganzira bwa muntu. Iyi nsanganyamatsiko ikangurira Imitwe ya politiki kugira abanyapolitiki bakunda Igihugu, bashakira Abanyarwanda icyiza, bagaharanira imibereho myiza yabo, bagakora politiki igamije kuvana abaturage mu bujiji no mu bukene, abaturage bagatera imbere. Iyi nsanganyamatsiko kandi isaba abanyapolitiki kongera kwiyemeza gufatanya mu guhangana n'ibibazo Igihugu gifite no kwishakamo ibisubizo byagiteza imbere batagombye gutegereza ko hari abandi bazabibakemurira, bagategurira Abanyarwanda ejo hazaza heza.

Umuvugizi w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki Senateri UMUHIRE Adrie yibukije ko nk'uko insanganyamatsiko tuzirikana muri ibi bihe ibivuga, ***"Kwibuka- Twahisemo kuba umwe".*** Aya ni amahitamo y'Abanyarwanda yo kuba umwe, kugira ngo dukomeze kuba mu Rwanda rutagira uwo ruheza.

Yibukije kandi ko aba banyapolitiki bibukwa uyu munsi ku nshuro ya 28 bishwe bazira ubutwari bwabo bwo kwanga ikibi, biyemeza kurwanya ingoma y'igitugu, baharanira ko Igihugu kirangwa n'imiyoborere iboneye; imiyoborere iha agaciro Abanyarwanda bose nta vangura.

Avuga ko abanyapolitiki bariho muri iki gihe ndetse n'abazaza, bafite inshingano yo gukomeza gutoza abayoboke babo n'abandi Banyarwanda muri rusange, kubana neza mu mahoro, bagakomeza kubumbatira ubumwe bwahozeho mu Rwanda rwo hambere, bakaba intangarugero mu byo bakora byose.

Yasoje ijambo rye asaba Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo gukomeza gushyira imbere ubumwe bw'Igihugu, kuko ari wo musingi ibindi byose byubakiyeho. Ashishikariza kandi urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki gukomeza kwitoza politiki yubaka, rugafatanya mu kurwanya no kwamagana abaharabika u Rwanda n'abayobozi barwo bakoresheje imbuga nkoranyambaga, kuko baba bashaka gusubiza u Rwanda inyuma mu rugamba rw'iterambere rwiyemeje.

Perezida wa SENA Hon. IYAMUREMYE Augustin wari umushyitsi mukuru muri uyu muhango yasabye abanyarwanda gukomeza kwamagana no kurwanya aho ingengabitekerezo ya Jenoside yakomoka hose, no gukomeza gukoresha ikoranabuhangana mu guhanga n'abagikwirakwiza urwango.

Asaba Minisiteri ibishinzwe gukomeza gushakisha abandi banyapolitiki bashyinguye hirya no hino mu Gihugu kugira ngo nabo bajye bibukwa kuko n'ubwo badashyinguwe mu Rwibutso rwa Rebero bakoze ibikorwa by'ubutwari byo kurwanya ikibi, akaba ari nacyo bazize.

# KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZARATERANYE

## KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO

*Inama isanzwe ya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo, yateranye ku wa gatanu tariki ya 01/4/2022 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Madamu NYIRANEZA Espérance.*

Umuyobozi w'inama, Madamu NYIRANEZA Espérance yatangije inama ashimira abayitabiriye, abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa, ari zo:

1. Kungurana ibitekerezo k'uruhare rw'Imitwe ya politiki mu kuzamura imyumvire y'abayoboke n'Abanyarwanda muri rusange ku birebana n'Icyerekezo 20250;
2. Kungurana ibitekerezo ku buryo Imitwe ya Politiki yarushaho kwitabira ibikorwa byo kwibuka ku ncuro ya 28 Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 no kugezwaho uruhare rw'Ihuriro mu kwibuka Abanyapolitiki.

Ku ngingo yo kungurana ibitekerezo k'uruhare rw'Imitwe ya politiki mu kuzamura imyumvire y'abayoboke n'Abanyarwanda muri rusange ku birebana n'Icyerekezo 20250; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yamenyesheje abagize Komisiyo ko Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda (REAF) rushaka gusesengura imiterere y'imyumvire itaranoga mu Banyarwanda, ikaba idindiza kugera ku Ntego Iguhugu kiyemeje mu Cyerekezo 2050.

Yavuze ko impamvu REAF yatekereje gusesengura iki kibazo ari uko yabonye ko imyumvire ari kimwe mu bishingirwaho mu kwihutisha iterambere ku rwego rw'isi, urw'Afurika no ku rwego rw'Akarere u Rwanda rurimo. REAF kandi ishingiye ku mbwirwaruhame za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, igashingira ku bibazo byagaragajwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, ndetse n'ibyagaragajwe n'ubushakashatsi na raporo zinyuranye, isanga hakenewe kuzamurwa urwego rw'imyumvire ifasha kugera ku ntego z'Icyerekezo 2050.

Akaba ari muri urwo rwego yasanze ikwiye kungurana ibitekerezo n'abahagarariye Inzego zimwe za Leta, imiryango itari iya Leta, Imitwe ya Politiki n'abikorera, kugira ngo basuzumire hamwe uburyo imyumvire itanoze iri mu Banyarwanda yahinduka, kugira ngo itazaba inzitizi ku kubaka umusingi w'Icyerekezo 2050 mu gihe kizaza.

Yabamenyesheje ko intumwa za REAF zasuye Ihuriro tariki ya 25/3/2022, zikaba zari ziyobowe na Hon. Mukabaranga Agnes, zigirana ikiganiro n'Umuvugizi, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, abayobozi ba Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro n'abayobozi b'Amashami mu Ihuriro.

Mu kiganiro n'abahagarariye Ihuriro, izi ntumwa zashimangiye ko abantu bakwiye gutekereza ku buryo bwimbitse ku myumvire Abanyarwanda bafite ku Cyerekezo 2050? Niba bazi icyo Cyerekezo; niba mu kazi bakiganiraho; niba abantu bose bafatanya kugira ngo urugendo rutuganisha mu Cyerekezo 2050 turujyanemo ntawe usigaye inyuma. Uko Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro yumva icyo Cyerekezo. Niba Porogaramu politiki z'Imitwe ya Politiki muri iki gihe, zikora *reference* ku Cyerekezo 2050. Nyuma y'uruzinduko rw'izi ntumwa za REAF, Ihuriro ryasanze iyi ngingo yaganirwaho mu nama za Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro zikayitangaho ibitekerezo.

Yakomeje abwira abagize Komisiyo ko icyo basabwa ari ugutanga ibitekerezo byafasha Ihuriro n'Imitwe ya Politiki kugira uruhare mu kumenyekanisha ibikubiye mu Cyerekezo 2050 no kuzamura imyumvire y'abayoboke n'abandi banyarwanda kugira ngo Icyerekezo 2050, kizagere ku ntego zacyo, bakagaragaza igikwiye gukorwa, uko byakorwa, igihe byakorerwa n'ababikora.

Mu myanzuro yafashwe harimo ko buri munyapolitiki asabwa ku menya no gusobanukirwa Icyerekezo 2050, kugira ngo ashobore kugira uruhare mu kwigisha no gusobanurira abandi. Imitwe ya politiki ikwiye gushyira imbaraga mu kwigisha abayoboke bayo ibikubiye muri Vision 2050. Ikindi ni ubufatanye bw'Inzego zose mu kwigisha abaturage ibikubiye mu Cyerekezo 2050, no guharanira ko intego zacyo zigerwaho. Imitwe ya Politiki, MINALOC n'Inzego zibanze zikwiye gufatanya kugira ngo bose bahurire ku kwigisha abaturage Icyerekezo 2050.

Abari mu nama bamenyeshejwe ko muri iki gihe, u Rwanda rwitegura kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 28, MINUBUMWE yohereje inzego zinyuranye ikiganiro kizatangwa hirya no hino mu midugudu kikaba gifite nsanganyamatsiko igira iti "***Kwibuka – Twahisemo kuba umwe***".

Ku birebana n'uruhare rw'Ihuriro, MINUBUMWE yamenyesheje Ihuriro ko rizategura ikiganiro kirebana n'Uruhare rw'abanyapolitiki mu kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda no kubungabunga ibyagezweho. Ikindi ni uko Ihuriro rizagenerwa umwanya wo gutambutsa ubutumwa (speech) mu gikorwa cyo kwibuka Abanyapolitiki ku i Rebero.

Ihuriro kandi nirimara kubyumvikanaho na MINUBUMWE, ku mubare w'abatumirwa muri buri Mutwe wa Politiki, Ihuriro rizihutira kubatumira.

## KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

*Inama isanzwe ya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, yateranye ku wa kabiri tariki ya 26/4/2022 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro; iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal.*

Umuyobozi w'inama Hon. NKUSI Juvenal, Perezida wa Komisiyo, yatangije inama ashimira abayitabiriye, akomeza abagezaho ingingo zari kuri gahunda y'ibyigwa, zikurikira:

1. Gutanga ibitekerezo ku buryo Imitwe ya politiki yagira uruhare mu kuzamura imyumvire y'abayoboke n'Abanyarwanda muri rusange ku birebana n'Icyerekezo (Vision) 2050;
2. Kugezwaho uko inama nyunguranabitekerezo k' Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere Ubumwe bw'Abanyarwanda yagenze;

Mu kungurana ibitekerezo k'uruhare rw' Imitwe ya Politiki mu kuzamura imyumvire y'abayoboke bayo n'iy'Abanyarwanda muri rusange kugira ngo tuzagere ku ntego z'Icyerekezo 2050, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yahawe umwanya agaragaza ishingiro ry'aho iki gitekerezo cyo kuganira kuri iyi ngingo muri Komisiyo cyaturutse.

Yavuze ko tariki ya 25/3/2022, intumwa z' Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda (REAF) ziyobowe na Hon. Mukabaranga Agnes, zasuye Ihuriro zigirana ikiganiro n'ubuyobozi bw'Ihuriro bwari bugizwe n'Umuvugizi, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, abayobozi ba Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro n'abayobozi b'Amashami mu Ihuriro. Iki kiganiro cyari kigamije g**utanga ibitekerezo ku buryo Imitwe ya politiki yagira uruhare mu kuzamura imyumvire y'abayoboke n'Abanyarwanda muri rusange ku birebana n'Icyerekezo (Vision) 2050.**

Umunyamabanya Nshingwabikorwa yavuze ko REAF ishaka gusesengura imiterere y'imyumvire itaranoga mu Banyarwanda, ikaba idindiza kugera ku Ntego Igihugu kiyemeje.

Nyuma yo ku ngurana ibitekerezo, abari mu nama batanze icyifuzo gikurikira:

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), akwiye kuzaza kuganira n'Inama Rusange y'Ihuriro, bakagirana ikiganiro kirambuye ku Cyerekezo (Vision) 2050. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwategura *Terms of References* y'ikiganiro Minisitiri wa MINECOFIN yatanga muri iyo nama ku buryo yayigezaho amakuru afasha mu kurushaho gusobanukirwa intego z'icyo Cyerekezo n'igisabwa Abanyarwanda bose.**

Ku ngingo yo Kugezwaho uko inama nyunguranabitekerezo k' Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere Ubumwe bw'Abanyarwanda yagenze, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo uko iyo nama yagenze.

Yavuze ko iyi nama yateguwe ku bufatanye bwa MINUBUMWE n'Ihuriro, ikaba yarabaye tariki ya 22-3-2022, ibera muri Hotel Grand Legacy i Remera. Inama yitabiriwe n'abantu 81 bagizwe ahanini n'intumwa z'Imitwe ya Politiki, imboni z'Ubumwe n'ubwiyunge mu Mitwe ya politiki,Urubyiruko rwiga muri YPLA, n'abahagarariye izindi Nzego.

Mu kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo bashimye ko iyi nama yateguwe ku bufatanye bwa MINUBUMWE n'Ihuriro, kikaba ari n'igikorwa cyari muri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022. Bashimye kandi ko ibiganiro n'imyanzuro yayifatiwemo bikomeza gushimangira ubumwe b'Abanyarwana n'uruhare Imitwe ya Politiki isabwa gukomeza kugira mu kubuteza imbere.

## KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

*Inama isanzwe ya Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi Nzego, yateranye ku wa kane tariki ya 28/04/2022 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. RUTAREMARA Tito.*

Umuyobozi w'inama, Hon. RUTAREMARA Tito, yashimiye abayitabiriye, akomeza abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa, ari zo:

**1.** Kugezwaho uko amahugurwa y'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa politiki mu Ntara y'Amajyepfo yagenze; n'imyiteguro y'ayo mahugurwa mu Ntara y'Iburengerazuba ateganyijwe mu kwezi kwa Gicurasi 2022;

2. Kugezwaho imyiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku Mahame n'amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki;

3. Kugezwaho uko amasomo ya Youth Political Leadership Academy (YPLA)/ Icyiciro cya 17 cya Kigali, yagenze

*Ku ngingo yo* kugezwaho uko amahugurwa y'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa politiki mu Ntara y'Amajyepfo yagenze; n'imyiteguro y'ayo mahugurwa mu Ntara y'Iburengerazuba ateganyijwe mu kwezi kwa Gicurasi 2022.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo uko ayo amahugurwa yagenze.

Yavuze ko ayo mahugurwa yabaye ku matariki ya 5 - 6 Werurwe 2022, abera muri Hotel Boni Consilii iri mu Karere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo, yitabirwa n'abanyamabanga b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki mu Turere tugize Intara y'Amajyepfo. Hitabiriye abagore 87 kuri 88, buri Mutwe wa politiki ukaba waragombaga guhagararirwa n'abagore umunani.

Yibukije ko aya mahugurwa agamije muri rusange kongerera ubushobozi n'ubumenyi abayobozi b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki kugira ngo barusheho kugira uruhare n'inshingano mu nzego zifatirwamo ibyemezo no mu bikorwa binyuranye by'Umutwe wa Politiki babarizwamo. Amahugurwa abashishikariza gutinyuka bagahatanira kujya mu myanya y'ubuyobozi ifatirwamo ibyemezo mu Mitwe ya Politiki babarizwamo; kurushaho gutanga umusanzu wabo mu iterambere ry'iyo Mitwe ya Politiki; no guharanira gutera imbere mu mwuga wa politiki no mu bukungu.

Mu kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo bashimye ko aya mahugurwa yateguwe, akaba atangirwamo ubuhamya bw'abagore bufasha abandi bagore kurushaho kwitabira ibikorwa bya politiki no guharanira kwiteza imbere, bagatinyuka guhatanira kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo kandi bagakomeza kuzuza neza inshingano zo kuba umugore mu rugo no kuba umubyeyi.

Ku ngingo yo Kugezwaho imyiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku mahame n'amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki.

Abari mu nama bamenyeshejwe ko, ku bufatanye bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB) n'Ihuriro hateganyijwe inama izibanda ku mahame n'amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki; ibiganiro na RGB bikaba bikomeje.

Ku ngingo yo kugezwaho uko amasomo ya Youth Political Leadership Academy (YPLA)/ Icyiciro cya 17 cya Kigali, yagenze, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yamenyesheje abagize Komisiyo ko tariki ya 08 Gashyantare 2022, ari bwo amasomo y'icyiciro cya 17 cya Youth Political Leadership Academy yatangiye. Aya masomo yabaye imbonankubone, akaba yaragombaga kwitabirwa n'abasore n'inkumi 44 baturuka mu Mujyi wa Kigali. Bize amasomo 16 banagezwaho ibiganiro 4 binyuranye kuri Politiki na gahunda z'Igihugu,

Amasomo yasoje tariki ya 26 Werurwe 2022.

Aderesi yacu ni : B.P.7459 Kigali /Rwanda; **E-mail:** info@forumfp.org.rw **Web site:** http://www.forumfp.org.rw